**RWANDA CORRECTIONAL SERVICE**

**HUMAN RESOURCE MANAGEMENT DEPARTMENT**

## ITANGAZO KU BIFUZA KUBA ABAKOZI B'UMWUGA B'URWEGO RW'U RWANDA RUSHINZWE IGORORA KU RWEGO RWA OFISIYE

1. Ubuyobozi bw'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora (RCS) buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kuba abakozi b'Umwuga b'U rwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora ku rwego rwa Ofisiye ko kwiyandikisha bizatangira tariki ya **07** kugeza kuri **20 Kanama 2024**.

2. Abarebwa n'iri tangazo ni ababifuza kuba abakozi b'Umwuga ku rwego rwa Ofisiye bazahabwa amahugurwa y'umwaka umwe. Bagomba kuba bararangije icyiciro cya kabiri cya kaminuza (A0), cyangwa ku bize amashuri y'ubumenyingiro (IPRC) bafite imyaka kuva kuri 18 kugeza kuri 24. Abize mu ishami ry'ubuhanga (Engineering), ubuvuzi (Medecine), Ubuforomo (Nursing), amategeko (Law) n'Uburezi (Education) bagomba kuba batarengeje imyaka 27 y'amavuko.

3. Inyandiko yuzuzwa n'abiyandikisha iboneka ku rubuga rw'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora www.rcs.gov.rw (kinyarwanda), izomekwaho fotokopi y'indangamuntu n'impamyabushobozi by'uwiyandikisha.

4. Inyandiko z'abasaba zujujwe neza zizagezwa ku Biro bikuru bya RCS biherereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kanombe ku muhanda wa Kabeza – Rubirizi, cyangwa zikagezwa ku Magororero ya hafi. Inyandiko zishobora kandi kunyuzwa kuri email ikurikira: **recruitment.training@rcs.gov.rw**.

5. Abiyandikisha basabwa kuba bujuje ibikurikira:

a. Kuba uri Umunyarwanda.
b. Kuba ufite ubushake bwo kuba Umukozi w'Umwuga w'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora.
c. Kuba ufite ubuzima buzira umuze.
d. Kuba ufite indangamuntu y'umwimerere.
e. Kuba utarigeze utarakatiwe n'inkiko.
f. Kuba udakurikiranweho icyaha.
g. Kuba utarirukanwe burundu mu kazi ko mu butegetsi bwite bwa Leta.
h. Kuba utagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta.
i. Kuba uri inyangamugayo.
j. Kuba witeguye gukorera aho ari ho hose mu nshingano za RCS.
k. Kuba witeguye gukora no gutsinda amahugurwa y'Ibanze y'abakozi b'umwuga ku rwego rwa Ofisiye.

6. Abemerewe gukora amahugurwa (Cadet course) ni abazatsinda ikizamini cy'ijonjora cy'abategurirwa gukora amahugurwa yagenewe abifuza kuba ba ofisiye.

7. Ibyangombwa bazitwaza mu gihe cyo gukorwa ibizamini:
   a. Indangamuntu.
   b. Icyemezo cy'amashuri wize kiriho umukono wa noteri.
   c. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire byemejwe n'Ubuyobozi bw'Akagari utuyemo
   d. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

**Icyitonderwa**:

- Uwiyandikishije akora ikizamini ishuro imwe gusa
- Abazaba batabashije kwiyandikisha bemerewe kuzajya ahazakorerwa ikizamini bitwaje ibyangombwa byuzuye byavuzwe mu gika cya 4 n'icya 7 kandi bazemererwa gukora ikizamini.
- Abazaba biyandikishije bujuje ibisabwa bemerewe kuzakorera aho ari ho hose hazakorerwa ibizamini.

8. Ibizamini by'ijonjora bizakorwa kuva tariki ya 20-27 /08/24 kuva saa mbili za mu gitondo ahakurikira:



HUMAN RESOURCE MANAGEMENT DEPARTMENT
RWANDA CORRECTIONAL SERVICE
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE · UMURIMO · GUKUNDA IGIHUGU

| S/N | Itariki | Aho biyandikishirije | Aho bazakorerwa ibizamini |
|---|---|---|---|
| 1 | 20/08/24 | Igororero rya Rwamagana | RCS Training School Rwamagana |
| 2 | 20/08/24 | Igororero rya Musanze | Stade Ubworoherane |
| 3 | 20/08/24 | Igororero rya Muhanga | Stade ya Muhanga |
| 4 | 21/08/24 | Igororero rya Ngoma | Stade ya Ngoma |
| 5 | 21/08/24 | Igororero rya Rubavu | Stade ya Rubavu |
| 6 | 21/08/24 | Igororero rya Nyanza | Stade ya Nyanza |
| 7 | 23/08/24 | Igororero rya Nyagatare | Stade ya Nyagatare |
| 8 | 23/08/24 | Icyicaro Gikuru cya RCS HQ & n'Igororero rya Nyarugenge | Stade ya IPRC Kigali |
| 9 | 23/08/24 | Igororero rya Huye | Stade ya Stade ya Huye |
| 10 | 26/08/24 | Igororero rya Gicumbi | Stade ya Gicumbi |
| 11 | 26/08/24 | Igororero rya Bugesera | Stade ya Bugesera |
| 12 | 26/08/24 | Igororero rya Nyamagabe | Stade ya Nyamagabe |
| 13 | 29/08/24 | Igororero rya Rusizi | Stade ya Rusizi |

9. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni nimero: 0737627676 na 0737626190 cyangwa mukareba kuri website ya RCS (www.rcs.gov.rw).

RWANDA CORRECTIONAL SERVICE · HUMAN RESOURCE MANAGE' DEPARTMENT
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE · UMURIMO · GUKUNDA IGIHUGU

**A MAHORO**
**SP**
**Ag Director Admin & Personnel**